

AMABWIRIZA YA MINISITIRI N°001/MINICT/2012 YO KUWA 12/03/2012 YEREKERANYE N'ITANGWA RY'AMASOKO Y'IBIKORESHO NA SERIVISE BY'IKORANABUHANGA MU ITUMANAHO BIGURWA N'INZEGO ZA LETA	MINISTERIAL INSTRUCTIONS N°001/MINICT/2012 OF 12/03/2012 RELATED TO THE PROCUREMENT OF INFORMATION AND COMMUNICATIONS TECHNOLOGY GOODS AND SERVICES BY RWANDA PUBLIC INSTITUTIONS	INSTRUCTIONS MINISTERIELLES N°001/MINICT/2012 DU 12/03/2012 RELATIVES A L'APPROVISIONNEMENT EN EQUIPEMENTS ET SERVICES RELATIFS AUX TECHNOLOGIES DE L'INFORMATION ET DE LA COMMUNICATION PAR LES INSTITUTIONS PUBLIQUES
--	---	---

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLES DES MATIERES**

**UMUTWE WA MBERE : INGINGO  
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL  
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS  
GENERALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza  
agamije**

**Article One: Purpose**

**Article premier : Objet**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Article 2: Definition of terms**

**Article 2 : Définition des termes**

**UMUTWE WA II: GAHUNDA  
IHURIJWE HAMWE Y'ITANGWA  
RY'AMASOKO**

**CHAPTER II: INTEGRATED  
PROCUREMENT PLAN**

**CHAPTER II: PLAN INTEGRE DE  
PASSATION DE MARCHES**

**Ingingo ya 3: Kugendera kuri gahunda  
z'igihugu za ICT**

**Article 3: Alignment with national ICT  
plans**

**Article 3: Alignement avec les plans  
nationaux des TIC**

**Ingingo ya 4: Guhuza gahunda y'igihugu  
y'amasoko yerekeranye na ICT**

**Article 4: Harmonization of national ICT  
procurement plan**

**Article 4: Harmonisation du plan national  
d'approvisionnement des TIC**

**UMUTWE WA III: IMPAPURO  
Z'IPIGANWA ZIKORESHA**

**Ingingo ya 5:** Gutangaza imiterere y'ibikoresho na sisiteme bya ICT

**Ingingo ya 6:** Imiterere y'ihariye y'ibigurwa

**Ingingo ya 7:** Ibikenerwa mu itegura ry'imiterere mu rwego rwa tekinike y'ibigurwa

**Ingingo ya 8:** Uburyo bwo gukorana n'izindi sisiteme ziriho

**UMUTWE WA IV: ISESENGURA  
RY'INYANDIKO Z'IPIGANWA NO  
GUKORA AMASEZERANO**

**Ingingo ya 9:** Kubahiriza amategeko agenga itangwa ry'amasoko

**Ingingo ya 10:** Inyandiko yifashishwa mu guhamagarira abantu gupiganwa

**UMUTWE WA V: GUHAMAGARIRA  
GUPIGANIRWA ISOKO  
RY'IKUBITIRO RY'IBIKORESHO  
BIKUNZE GUKORESHA**

**CHAPTER III: STANDARDIZED  
TENDER DOCUMENTS**

**Article 5:** Publication of specifications for ICT products and systems

**Article 6:** Particular technical specifications

**Article 7:** Requirements in preparing technical specifications

**Article 8:** Interoperability requirements

**CHAPTER IV: TENDER  
EVALUATION AND CONTRACTING**

**Article 9:** Compliance with the national procurement procedures

**Article 10:** Standard bidding document

**CHAPTER V: UPFRONT TENDERING  
OF COMMONLY PROCURED  
EQUIPMENTS**

**CHAPITRE III: DOSSIERS D'APPEL  
D'OFFRES STANDARD**

**Article 5:** Publication des spécifications des produits et systèmes des TIC

**Article 6:** Spécifications techniques particulières

**Article 7:** Conditions exigées dans la préparation des spécifications techniques

**Article 8:** Conditions de compatibilité

**CHAPITRE IV: EVALUATION DES  
SOUMISSIONS ET CONCLUSION DE  
CONTRATS**

**Article 9:** Respect des procédures nationales de passation des marchés

**Article 10:** Document standard d'appel d'offres

**CHAPITRE V: APPEL D'OFFRES  
INITIAL POUR LES EQUIPEMENTS  
COMMUNEMENT FOURNIS**

<b><u>Ingingo ya 11:</u> Uburyo bwo gutanga isoko buhurijwe hamwe</b>	<b><u>Article 11:</u> Centralized procurement process</b>	<b><u>Article 11:</u> Procédure centralisée de passation des marchés</b>
<b><u>UMUTWE WA VI:</u> SERIVISI ZEREKEYE ISHYIRWAHO RY'UMUYOBORO W'ITUMANAHO N'AMAKURU</b>	<b><u>CHAPTER VI:</u> CONNECTIVITY AND DATA SERVICES</b>	<b><u>CHAPITRE VI:</u> SERVICES DE CONNECTIVITÉ ET DE DONNEES</b>
<b><u>Ingingo ya 12:</u> Gutanga no kugenzura umuyoboro w'itumanaho rya "Internet"</b>	<b><u>Article 12:</u> Distribution and management of Internet bandwidth</b>	<b><u>Article 12:</u> Distribution et gestion de la bande passante Internet</b>
<b><u>Ingingo ya 13:</u> Kwishyura umuyoboro w'itumanaho</b>	<b><u>Article 13:</u> Payment for fiber access</b>	<b><u>Article 13:</u> Paiement pour accès à la fibre optique</b>
<b><u>Ingingo ya 14:</u> Icingwa ry'umuyoboro w'itumanaho wa fibure obutike w'Igihugu</b>	<b><u>Article 14:</u> Management of the National Backbone Optic Fiber</b>	<b><u>Article 14:</u> Gestion du réseau national de la fibre optique</b>
<b><u>Ingingo ya 15:</u> Isoko ry'umuyoboro w'inyongera</b>	<b><u>Article 15:</u> Procurement of additional bandwidth</b>	<b><u>Article 15:</u> Passation de marché de la bande passante supplémentaire</b>
<b><u>Ingingo ya 16:</u> Umutekano w'amakuru na sisiteme bikomeye bya Leta</b>	<b><u>Article 16:</u> Security of Government critical data and systems</b>	<b><u>Article 16:</u> Sécurité des données et systèmes critiques de l'Etat</b>
<b><u>Ingingo ya 17:</u> Kubika amakuru akomeye ya Leta</b>	<b><u>Article 17:</u> Hosting critical Government data and information</b>	<b><u>Article 17 :</u> Hébergement des données et informations critiques de l'Etat</b>
<b><u>Ingingo ya 18:</u> Ibisabwa ku ibikwa rifite umutekano</b>	<b><u>Article 18:</u> Requirements for secure hosting</b>	<b><u>Article18 :</u> Exigences relatives à l'hébergement sécurisé</b>
<b><u>Ingingo ya 19:</u> Itangwa ry'isoko ku zindi serivisi z'imiyoboro</b>	<b><u>Article 19:</u> Procurement of other connectivity services</b>	<b><u>Article 19:</u> Passation de marché d'autres services de connectivité</b>

**Ingingo ya 20: Kugezwa ku muyoboro w'igihugu wa fibre obutike**

**Article 20: Access to the National Backbone Optic Fiber**

**Article 20: Accès à l'Infrastructure Nationale de câbles à Fibre Optique**

**UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA**

**CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE VII : DISPOSITIONS FINALES**

**Ingingo ya 21: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza**

**Article 21: Repealing provision**

**Article 21 : Disposition abrogatoire**

**Ingingo ya 22: Igihe aya amabwiriza atangira gukurikizwa**

**Article 22: Commencement**

**Article 22 ; Entrée en vigueur**

<b>AMABWIRIZA YA MINISITIRI N°001/MINICT/2012 12/03/2012</b>	<b>YO KUWA YEREKERANYE RY'AMASOKO NA SERIVISE BY'IKORANABUHANGA MU ITUMANAHO BIGURWA N'INZEGO ZA LETA</b>	<b>MINISTERIAL INSTRUCTIONS N°001/MINICT/2012 OF 12/03/2012 RELATED TO THE PROCUREMENT OF INFORMATION AND COMMUNICATIONS TECHNOLOGY GOODS AND SERVICES BY RWANDA PUBLIC INSTITUTIONS</b>	<b>INSTRUCTIONS MINISTERIELLES N°001/MINICT/2012 DU 12/03/2012 RELATIVES A L'APPROVISIONNEMENT EN EQUIPEMENTS ET SERVICES RELATIFS AUX TECHNOLOGIES DE L'INFORMATION ET DE LA COMMUNICATION PAR LES INSTITUTIONS PUBLIQUES</b>
--	---	--	--

**Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika ushinzwe Ikoranabuhanga mu Itumanaho;**

**The Minister in the Office of the President in Charge of Information and Communications Technology;**

**Le Ministre à la Présidence chargé des Technologies de l'Information et de la Communication;**

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 53/2008 ryo kuwa 02/09/2008 rishyiraho Urwego rushinzwe iterambere mu Rwanda (RDB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;

Pursuant to Organic Law n° 53/2008 of 02/09/2008 establishing Rwanda Development Board (RDB) and determining its responsibilities, organization and functioning as modified and complemented to date;

Vu la Loi Organique n° 53/2008 du 02/09/2009 portant création de l'Office pour la promotion du développement au Rwanda (RDB) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement telle que modifiée et complétée à ce jour;

Ashingiye ku Itegeko n° 12/2007 ryo kuwa 29/03/2007 rigenga Amasoko ya Leta;

Pursuant to Law n° 12/2007 of 29/03/2007 on Public Procurement;

Vu la Loi n° 12/2007 du 29/03/2007 relative aux Marchés Publics ;

Amaze kubona ko mu Rwanda iterambere ryihuta muri ICT bikaba byatumye hakenerwa cyane ibikoresho na za serivisi mu bijyanye na ICT mu nzego za Leta hagamijwe gukoresha ikoranabuhanga mu mirimo yazo

Considering the rapid development of ICT in Rwanda that has led to increased demand for a wide range of ICT goods and services by public institutions to respond to their growing demand in terms of informatization

Considérant le développement rapide des Technologies de l'Information et de la Communication (TIC) au Rwanda ayant occasionné une demande accrue en matière d'équipements et services TIC au sein des

*Official Gazette n°11bis of 12/03/2012*

kugira ngo imikorere yazo irusheho kunozwa;	of their business processes, in a bid to improve their efficiency;	institutions publiques pour répondre à leurs besoins croissants d'informatisation de leurs activités, afin d'améliorer leur efficacité;
Amaze kubona ko irangizwa ry'ishyirwaho rya fibure obutike n'ahakusanyirizwa amakuru, hamwe n'ingamba z'u Rwanda zigamije kongerera ubushobozi ihuzwa ry'imikoreshereze ya ICT mu nzego za Leta bikeneye ihuzabikorwa mu itangwa ry'amasoko y'ibikoresho na serivise bya ICT hagamijwe kwirinda isubirwamo ry'ibikorwa;	Considering that the completion of the national fiber optic backbone and the national datacenter, coupled with Rwanda's strategy to strengthen the integration of Government ICT systems, calls for coordination of procurement of ICT goods and services in order to mitigate any risk of duplication;	Considérant que la réalisation du réseau national de fibre optique et du centre national de données, associée à la stratégie du Rwanda pour renforcer l'intégration des systèmes TIC de l'Etat, requiert une coordination en matière d'approvisionnement en équipements et services relatifs aux TIC afin d'atténuer tout risque de double emploi;
Amaze kubona ko hakenewe imikorere igaragaza ko inzego za Leta zishyira mu bikorwa gahunda y'igihugu mu byerekeranye na ICT mu buryo budahenze;	Considering the need to ensure that the implementation of the National ICT plan by public institutions is conducted in the most cost effective manner;	Vu le besoin de s'assurer que les institutions publiques exécutent le plan national relatif aux TIC de la manière la plus rentable ;
Ashingiye ku byemezo by'Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 04 Ugushyingo 2011	On the basis of the Cabinet resolutions of 04 November 2011	Sur base des décisions du Conseil des Ministres du 04 novembre 2011
<b>Ashyizeho amabwiriza akurikira:</b>	<b>Issues the following instructions:</b>	<b>Emet les instructions suivantes :</b>
<b><u>UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE</u></b>	<b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></b>	<b><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES</u></b>
<b><u>Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije</u></b>	<b><u>Article One: Purpose</u></b>	<b><u>Article premier : Objet</u></b>
Bitabangamiye amategeko n'amabwiriza	Without prejudice to any existing laws and	Sans préjudice des lois et règlements en

akoreshwa mu migenzereze y'itangwa ry'amasoko, aya mabwiriza akurikizwa n'ibigo bya Leta mu itangwa ry'amasoko y'ibikoresho na serivisi bya ICT.

regulations pertaining to procurement procedures, these Ministerial instructions shall be applied by public institutions in the procedures of procuring ICT goods and services.

vigueur relatifs aux procédures de passation de marchés, les présentes instructions ministérielles sont suivies par les institutions publiques dans les procédures d'approvisionnement en équipements et services des TIC.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Article 2: Definition of terms**

**Article 2 : Définition des termes**

Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

For the purpose of these instructions, the following terms shall have the following meaning:

Aux fins des présentes instructions, les termes suivants sont définis comme suit :

1° **Dark Fiber** Fibure obutike yashizwe mu muyoboro ikaba itarakoreshwa kohereza amakuru iteganyirijwe kugoboka;

1° **Dark Fiber:** Optical Fiber infrastructure that is currently in place but is not being used;

1° **Dark Fiber (Fibre Noire)** : câble à fibre optique installé mais qui n'est pas encore relié pour transmission des signaux ;

2° **E1:** Uburyo bw'ikoranabuhanga mu Itumanaho bukoreshwa n'ibigo by'Itumanaho mu kohereza amakuru ku muvuduko wihuse cyane;

2° **E1:** digital transmission technology used by Telecommunications operators to carry data at a rate of 2.048 Mega Bit per second;

2° **E1** : technologie de transmission digitale utilisée par les opérateurs de Télécommunications pour transporter les données au débit de 2,048 Méga Bit par seconde;

3° **ICT:** Ikorana buhanga mu itumanaho;

3° **ICT:** Information and Communications Technology;

3° **TIC** : Technologies de l'Information et de la Communication ;

4° **ISP:** Utanga serivise ya Interineti

4° **ISP:** Internet Service Provider

4° **ISP** : fournisseur du service Internet

5° **LAN:** Impuzamiyoboro mu gace kamwe

5° **LAN:** Local Area Network

5° **LAN** : Réseau Local

6° **MIS:** Uburyo bwo gucunga amakuru;

6° **MIS:** Management Information System;

6° **MIS** : Système de gestion d'information ;

7° <b>NDC:</b> ububiko bw'igihugu bw'amakuru;	7° <b>NDC:</b> National Data Center	7° <b>NDC :</b> Centre National de Données ;
8° <b>RDB:</b> Urwego rushinzwe iterambere mu Rwanda ;	8° <b>RDB:</b> Rwanda Development Board;	8° <b>RDB :</b> Office pour la promotion du développement au Rwanda ;
9° <b>RURA:</b> Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro	9° <b>RURA:</b> Rwanda Utilities Regulatory Authority	9° <b>RURA :</b> Autorité de régulation des Services d'Utilité Publique
10° <b>VPN:</b> umuyoboro ujimije wihariwe	10° <b>VPN:</b> Virtual Private Network;	10° <b>VPN :</b> Réseau Privé Virtuel ;
11° <b>WAN:</b> Impuzamiyobora yaguye	11° <b>WAN:</b> Wide Area Network	11° <b>WAN :</b> Réseau Elargi

**UMUTWE WA II: GAHUNDA IHURIJWE HAMWE Y'ITANGWA RY'AMASOKO**

**Ingingo ya 3: Kugendera kuri gahunda z'igihugu za ICT**

Inzego za Leta harimo n'iz'ibanze zigomba kurebera hamwe na RDB ibijyanye n'igenamigambi ryerekeranye na ICT, itangwa ry'amasoko yerekeranye na ICT, na gahunda ngarukamwaka y'ibikorwa ngo harebwe ko bihuje na gahunda z'igihugu zerekeranye na ICT.

**CHAPTER II: INTEGRATED PROCUREMENT PLAN**

**Article 3: Alignment with national ICT plans**

Central and Local Government institutions shall consult and share with RDB their ICT strategic plans, ICT procurement plans and annual action plans to ensure alignment with national ICT plans.

**CHAPTER II: PLAN INTEGRE DE PASSATION DE MARCHES**

**Article 3: Alignement avec les plans nationaux des TIC**

Les institutions de l'Etat de l'Administration centrale et décentralisée doivent consulter et partager avec RDB leurs plans stratégiques en matière des TIC, leurs plans de passation des marchés des TIC et des plans d'action annuels pour s'assurer du respect des plans nationaux concernant les TIC.



**Ingingo ya 4: Guhuza gahunda y'igihugu y'amasoko yerekeranye na ICT**

Inzego za Leta harimo n'iz'ibanze zigomba gutanga gahunda ngaruka mwaka z'itangwa ry'amasoko y'ibya ICT muri RDB byibura ukwezi kumwe mbere y'uko umwaka w'ingengo y'imari utangira.

RDB igomba gukusanya gahunda y'igihugu yerekeranye n'itangwa ry'amasoko y'ibya ICT hagamijwe kumenya inzitizi ziterwa no gutatanya ingufu, kugira ngo zivanweho, imikorere myiza ya Leta mu itumanaho n'ikoranabuhanga ishoboke mu buryo buhendutse.

Inzego za Leta zigomba gukomeza gucunga ingengo y'imari yagenewe ICT hakurikijwe amabwiriza ya Leta agenga icungamutungo hatabangamiwe ibijyanye n'imisoro n'amahoro.

**UMUTWE WA III: IMPAPURO Z'IPIGANWA ZIKORESHA**

**Ingingo ya 5: Gutangaza imiterere y'ibikoresho na sisiteme bya ICT**

Aho bishoboka, RDB itangaza imiterere

**Article 4: Harmonization of national ICT procurement plan**

Central and Local Government institutions shall submit ICT annual procurement plans to RDB at least one month before the commencement of the financial year.

RDB shall subsequently compile a national ICT procurement plan to help identify and remove duplications where they occur, and improve efficiency in Government ICT expenditure.

Institutions shall continue to manage their ICT budgets in line with Government financial management guidelines in order not to affect the fiscal management aspect.

**CHAPTER III: STANDARDIZED TENDER DOCUMENTS**

**Article 5: Publication of specifications for ICT products and systems**

Where applicable, RDB will publish

**Article 4: Harmonisation du plan national d'approvisionnement des TIC**

Les institutions de l'Etat de l'Administration centrale et décentralisée soumettent les plans annuels de passation des marchés des TIC à RDB au moins un mois avant le début de l'année financière.

RDB élabore ensuite un plan national d'approvisionnement des TIC pour aider à identifier et à éliminer le double emploi où ils se produisent, et améliorer l'efficacité des dépenses de l'Etat sur les TIC.

Les institutions doivent continuer à gérer leurs budgets alloués aux TIC conformément aux règles de gestion financière pour ne pas affecter la gestion des recettes.

**CHAPITRE III: DOSSIERS D'APPEL D'OFFRES STANDARD**

**Article 5: Publication des spécifications des produits et systèmes des TIC**

Dans la mesure du possible, RDB publie les

ngenderwaho ya tekiniiki y'ibikoresho na sisiteme bya ICT, bishobora guhuzwa n'ibikenewe byihariye by'urwego rutanga isoko, iyo bibaye ngombwa. Iyo miterere y'ibyikoresho ivugururwa buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa.

technical specifications, standards and technical guidelines for ICT products and systems, which can be customized to specific needs by the procuring entity, where necessary. These specifications will be updated on an annual basis and whenever necessary.

spécifications techniques, standards et guides techniques des produits et systèmes des TIC susceptibles d'être alignés aux besoins d'une entité adjudicatrice. Ces spécifications sont mises à jour annuellement et chaque fois que de besoin.

**Ingingo ya 6: Imiterere y'ihariye y'ibigurwa**

RDB ikorana n'inzezo za Leta harimo n'iz'ibanze mu gutegura imiterere yihariye y'ibikoresho na serivisi bigomba kugurwa iyo bitigeze biteganywa mu miterere ngenderwaho Ikigo cyatangaje.

**Article 6: Particular technical specifications**

RDB shall collaborate with central and local Government institutions to prepare particular technical specifications if the products and services to be procured are not covered under the published reference specifications.

**Article 6: Spécifications techniques particulières**

RDB collabore avec les institutions de l'Etat de l'Administration centrale et décentralisée dans la préparation des spécifications techniques particulières si les produits et services à acheter ne sont pas couverts par les spécifications de référence publiées.

**Ingingo ya 7: Ibikenerwa mu itegura ry'imiterere mu rwego rwa tekiniiki y'ibigurwa**

Uko byagenda kose, imiterere ya tekiniiki igomba gutegurwa hakurikijwe ibikenewe muri icyo gihe. Ibigurwa ntibigomba kugira imiterere irenze iya ngombwa kandi ikenerwe n'urwego rutanga isoko.

**Article 7: Requirements in preparing technical specifications**

In all cases, technical specifications will be developed to respond to the requirements at hand, without exceeding reasonable and desired performance, for cost effectiveness.

**Article 7: Conditions exigées dans la préparation des spécifications techniques**

Dans tous les cas, pour minimiser les coûts, les spécifications techniques doivent être préparées de manière à répondre aux besoins actuels, sans aller au delà des performances raisonnables et souhaitées.

**Ingingo ya 8: Uburyo bwo gukorana n'izindi sisiteme ziriho**

Hifashishijwe igenamigambi ry'Igihugu ry'itangwa ry'amasoko y'ibikoresho bya ICT, ndetse n'amabwiriza yerekeye ubuziranenge n'ibigenderwaho mu rwego rwa tekini, RDB ireba ko imiterere y'ibikoresho bya sisiteme za ICT byujuje ibisabwa ngo bishobore gukorana, igihe bibaye ngombwa.

**UMUTWE WA IV: ISESENGURA RY'INYANDIKO Z'IPIGANWA NO GUKORA AMASEZERANO**

**Ingingo ya 9: Kubahiriza amategeko agenga itangwa ry'amasoko**

Iyo isoko ryatangajwe ryubahirije ibiteganywa n'amategeko agenga itangwa ry'amasoko ku byerekeye ibisabwa ibikoresho bigomba kuba byujuje, Ikigo cyatanze isoko gikora isesengura ryaryo ndetse n'iberekeye amasezerano hakurikijwe amabwiriza igihugu kigenderaho mu byo gutanga amasoko ya Leta. Mu gihe Ikigo gitanga isoko kidafite ubushobozi buhagije bwo kubyikorera, gishobora gusaba RDB kugifasha mu gusuzuma inyandiko z'abapiganwa ndetse no gukora amasezerano.

**Article 8: Interoperability requirements**

Through the integrated national ICT procurement plan, as well as technical standards and guidelines; RDB will ensure that the specifications for ICT systems and products meet interoperability requirements, where applicable.

**CHAPTER IV: TENDER EVALUATION AND CONTRACTING**

**Article 9: Compliance with the national procurement procedures**

Once the published tender document complies with the established guidelines and standards in terms of technical specifications, the procuring Institution will handle the tender evaluation and contracting processes in accordance with the national procurement guidelines. The procuring entity may request for RDB support in the tender evaluation process and contracting phase, if the institution lacks the required in-house capacity.

**Article 8 : Conditions de compatibilité**

A travers le plan national intégré de passation des marchés des équipements des TIC ainsi que des standards et guides techniques, RDB s'assure que les spécifications des produits et systèmes des TIC remplissent les conditions de compatibilité, si possible.

**CHAPITRE IV: EVALUATION DES SOUMISSIONS ET CONCLUSION DE CONTRATS**

**Article 9: Respect des procédures nationales de passation des marchés**

Lorsque le document d'appel d'offre publié respecte les procédures établies et les normes concernant les spécifications techniques, l'Institution adjudicatrice procède à l'évaluation des offres et au processus de conclusion de contrats en conformité avec les directives nationales en matière de marchés publics. L'entité adjudicatrice peut demander l'assistance de RDB dans le processus d'évaluation des dossiers d'appel d'offres et pendant la phase de conclusion de contrat, si l'institution ne dispose pas de la capacité interne requise.

**Ingingo ya 10: Inyandiko yifashishwa mu guhamagarira abantu gupiganwa**

RDB itanga inyandiko ngenderwaho yifashishwa n'Inzego za Leta mu gutanga amasoko ku byerekeye MIS. Iyi nyandiko kimwe n'indi yose iteguwe na RDB iratangazwa kandi igakoreshwa n'Inzego za Leta mu gihe cyo gutanga amasoko ku bikoreho na serivisi bya ICT.

**UMUTWE WA V: GUHAMAGARIRA GUPIGANIRWA ISOKO RY'IKUBITIRO RY'IBIKORESHO BIKUNZE GUKORESHWA**

**Ingingo ya 11: Uburyo bwo gutanga isoko buhuriwe hamwe**

RDB iteganya uburyo bwihuse bwo gutanga amasoko yerekeranye n'ibikoreho bikunze gukoreshwa birimo za mudasobwa zo mu biro n'izigandanwa kimwe na za “*tablet computers*”. Iyo RDB imaze guhuriza hamwe ibikenewe mu igenamigambi rusange ry'amasoko, ishyiraho gahunda y'umwaka y'amasoko ishingiyeye ku bigenderwaho mu buziranenge. Abatsindiye isoko kimwe n'ibiciro bizagumaho mu gihe cy'umwaka,

**Article 10: Standard bidding document**

RDB will provide a standard bidding document to be used for all MIS procurement in Central and Local Government. This template and any other developed by RDB will be published and are to be used by Government institutions while procuring ICT goods and services.

**CHAPTER V: UPFRONT TENDERING OF COMMONLY PROCURED EQUIPMENTS**

**Article 11: Centralized procurement process**

RDB will establish a fast-track process for commonly procured computing hardware, specifically, desktop computers, laptops, as well as tablet computers. After compiling the integrated procurement plan, RDB will initiate an annual centralized procurement process based on standardized specifications; the successful bidders and pricing will be valid for a period of one year during which procuring entities can order and purchase

**Article 10: Document standard d'appel d'offres**

RDB fournit un document standard d'appel d'offres à être utilisé pour tous les marchés publics relatifs au MIS par les institutions de l'Etat de l'Administration centrale et décentralisée. Ce modèle et tout autre modèle préparé par RDB sont publiés et doivent être utilisés par les institutions publiques en cas d'approvisionnement en équipements des TIC.

**CHAPITRE V: APPEL D'OFFRES INITIAL POUR LES EQUIPEMENTS COMMUNEMENT FOURNIS**

**Article 11: Procédure centralisée de passation des marchés**

RDB mettra en place un processus accéléré d'obtention du matériel informatique couramment acheté, plus particulièrement, les ordinateurs de bureau, les ordinateurs portables, ainsi que les tablettes électroniques. Après la compilation du plan de passation de marchés intégré, RDB va initier un processus annuel centralisé de passation de marchés basé sur les spécifications standard. Les soumissionnaires retenus et les prix restent

muri icyo gihe ibigo byatanze isoko bikazajya bitumiza bikanagura ibyo bikoresho kuri abo batsindiye isoko ku buryo butaziguye.

such equipment directly.

valides pour une période d'une (1) année durant laquelle les entités de passation de marché peuvent commander et acheter directement de tels équipements.

**UMUTWE WA VI: SERIVISI ZEREKEYE ISHYIRWAHO RY'UMUYOBORO W'ITUMANAHU N'AMAKURU**

**CHAPTER VI: CONNECTIVITY AND DATA SERVICES**

**CHAPITRE VI: SERVICES DE CONNECTIVITÉ ET DE DONNEES**

**Ingingo ya 12: Gutanga no kugenzura umuyoboro w'itumanaho rya "Internet"**

**Article 12: Distribution and management of Internet bandwidth**

**Article 12: Distribution et gestion de la bande passante Internet**

Umuyoboro wa Interineti RDB ikodesha ku masezerano azamara imyaka icumi guhera mu 2012, ku nkunga ya Banki y'Isi, ugomba kugezwa mu nzego nkuru za Leta n'iz'ibanze ndetse no mu bindi bigo bya Leta bizatoranywa mu gihugu. Uwo muyoboro uzacungwa unakwirakwizwe binyuze muri gahunda ya "National Backbone Optic Fiber" yashizweho na Leta.

The long-term supply of Internet bandwidth for a 10-year lease period starting in 2012 acquired by RDB with the support of the World Bank shall be distributed to Central and Local Government Institutions and other selected public institutions across the Country. It shall also be managed centrally and distributed via the National Backbone Optic Fiber infrastructure established by the Government.

L'approvisionnement à long terme de la bande passante d'Internet pour une durée de bail de 10 ans à compter de 2012 acquis par RDB avec l'appui de la Banque Mondiale doit être distribué aux institutions de l'Etat de l'Administration centrale et décentralisée ainsi qu'à d'autres institutions publiques sélectionnées à travers le pays. Elle est aussi gérée de façon centralisée et distribuée à travers l'Infrastructure Nationale de câbles à Fibre Optique mise en place par l'Etat.

**Ingingo ya 13: Kwishyura umuyoboro w'itumanaho**

**Article 13: Payment for fiber access**

**Article 13: Paiement pour accès à la fibre optique**

Inzego zigenerwa umuyoboro wa Interineti ntabwo zishyura umuyoboro utangwa na RDB, ariko bagomba kugezwa kuri fibure

The beneficiary institutions will not be required to pay for the bandwidth procured by RDB, however, they will be expected to

Les institutions bénéficiaires ne sont pas tenues de payer pour la bande passante obtenue par RDB, cependant, elles sont

obutike n’ubufasha bwa tekinike butangwa n’ikigo cyatoranyijwe gucunga no gutanga umuyoboro w’itumanaho.

pay for the fiber access (bandwidth transport services) as well as technical support by the entity designated to manage and deliver the bandwidth.

tenues de payer pour l'accès à la fibre (services de transport de bande passante) ainsi que pour le support technique par l'entité désignée pour gérer et fournir la bande passante.

**Ingingo ya 14: Icungwa ry’umuyoboro w’itumanaho wa fibure obutike w’Iguhugu**

**Article 14: Management of the National Backbone Optic Fiber**

**Article 14: Gestion du réseau national de la fibre optique**

Isosiyeti icunga ikanabyaza umusaruro umuyoboro w’itumanaho wa “fibure obutike w’Iguhugu igomba gucunga no gutanga umuyoboro wa “Internet” hakurikijwe ibigenderwaho byateganyijwe mu masezerano ya serivise hagati ya RDB n’iyo sosiyeti.

The company that manages and operates the National Backbone Optic Fiber shall manage and deliver the Internet Bandwidth at terms specified by a service level agreement between RDB and the company.

La société qui gère et exploite l'Infrastructure Nationale de câbles à Fibre Optique doit gérer et fournir la bande passante d'internet à des conditions spécifiées par un contrat de service entre RDB et la société.

Igiciro cyo kugezwa kuri fibure obutike gishyirwaho hakurikijwe amabwiriza y’isangira ry’ibikorwa remezo yashyizweho na RURA, naho igiciro cy’ubufasha bwa tekinike cyumvikanwaho n’isosiyeti ishinzwe icungwa ry’umuyoboro kigatangazwa na RDB.

The pricing for fiber access shall be established in line with infrastructure sharing guidelines established by RURA, and the technical support fee shall also be negotiated with the managing entity, and published by RDB.

La tarification de l'accès à la fibre est établie en conformité avec les directives de partage des infrastructures établies par RURA, et les frais de support technique sont négociés avec l'entité de gestion, et publiés par RDB.

Igiciro gihora gisubirwamo kandi inzego zigenerwa umuyoboro zikurikiza igiciro cyatangajwe na RDB naho isosiyete ishinzwe kuwucunga ikurikiza imihigo yemejwe ikubiye mu masezerano yo gutanga serivisi.

The pricing will be revised periodically, and beneficiary institutions shall comply with the pricing as published by RDB, while the managing company shall comply with the performance level as specified in the service level agreement.

La tarification est révisée périodiquement, et les institutions bénéficiaires doivent se conformer à la tarification telle que publiée par RDB, tandis que la société de gestion doit se conformer au niveau de performance tel que spécifié dans le contrat de service.

**Ingingo ya 15: Isoko ry'umuyoboro w'inyongera**

Inzego za Leta zibona umuyoboro wa "Internet" watanzwe muri rusange na RDB zishobora kugura undi muyoboro w'inyongera bibaye ngombwa. Iryo gurwa rigomba gukurikiza amabwiriza y'Igihugu ajyanye n'itangwa ry'amasoko, kandi uwo muyoboro ushobora kugurirwa ku muntu wese utanga serivise ya "Internet" ubifitiye uruhushya (ISP).

Isoko ry'umuyoboro w'inyongera ritangwa ari uko urwego rwa Leta rubyifuje ruba rwasanze ko umuyoboro rwagenewe udahagije hashingiwe ku mwihariko w'ibikenewe mu mirimo yarwo.

**Ingingo ya 16: Umutekano w'amakuru na sisiteme bikomeye bya Leta**

Ububiko bw'igihugu bw'amakuru (NDC) bushinzwe umutekano w'amakuru na sisiteme bikomeye bya Leta. NDC yubatswe hakurikijwe amahame mpuzamahanga n'ikoranabuhanga rigezweho, igomba guteza imbere ibikwa ry'amakuru kandi igomba kuyoborwa no gucungwa n'isosiyezi

**Article 15: Procurement of additional bandwidth**

Government Institutions, which benefit from the Internet bandwidth centrally procured by RDB, may procure more bandwidth if needed. Such procurement will follow standard national procurement guidelines, and may be obtained from any licensed Internet Service Provider (ISP).

Procurement of additional bandwidth will only be done if an institution deems that the bandwidth provision, through centrally procured capacity, is not sufficient for their particular needs.

**Article 16: Security of Government critical data and systems**

The National Data Center (NDC) shall ensure security of Government critical data and systems. The NDC, which was built in accordance with international standards and latest technology, shall also improve efficiency in data hosting, and shall be managed and run by the selected managing

**Article 15: Passation de marché de la bande passante supplémentaire**

Les institutions gouvernementales qui bénéficient de la bande passante d'internet fournie de façon centralisée par RDB, peuvent se procurer plus de bande passante si nécessaire. Cette acquisition suivra la procédure nationale standard de passation des marchés, et le service peut être obtenu auprès de n'importe quel fournisseur du service internet, détenteur d'une licence appropriée. (ISP).

Le marché de la bande passante supplémentaire n'est passé que si une institution estime que la capacité obtenue à travers la distribution centralisée de bande passante n'est pas suffisante pour ses besoins particuliers.

**Article 16: Sécurité des données et systèmes critiques de l'Etat**

Le Centre National de Données (NDC) assure la sécurité des données et systèmes critiques de l'Etat. Le NDC, qui a été construit conformément aux normes internationales et à la technologie de pointe, doit également améliorer l'efficacité dans l'hébergement de données, et doit être dirigé et géré par une

yatoranyijwe, hakurikijwe ihame ry'igihembo ibigo bya Leta bitanga kuri serivisi.

**Ingingo ya 17: Kubika amakuru akomeye ya Leta**

Sisiteme zose z'ikoranabuhanga za Leta n'ishyirwa mu bikorwa ryazo zikora, zibika cyangwa zitanga amakuru akomeye ya Leta zigomba kubikwa mu bubiko bw'igihugu bw'amakuru (NDC). Muri ibyo harimo kubika imirongo y'imbuga za Interineti, kubika amabaruwa yo mu rwego rwa Interineti, ibikorwa abantu bahuriyemo nko gucunga inyandiko n'ibikwa ryazo mu buryo bw'ikoranabuhanga, n'ibikorwa by'ibigo bya Leta.

Bimwe muri ibyo bikorwa bishobora gusaba serivisi ziyongereyeho nka WAN, VPN cyangwa izindi serivisi zicungwa nk'igice cy'ibisabwa mu ibikwa ry'amakuru.

RDB, mu izina rya Leta, ishyikirana na NDC ibyerekeye ibiciro ikanatangaza ku buryo buhoraho urutonde rw'ibiciro kuri serivisi zerekeranye no kubika.

company, on a fee-for-service basis to Government institutions.

**Article 17: Hosting critical Government data and information**

All Government IT systems and applications, which process, store and provide critical Government data and information shall be hosted in the NDC. These include, but are not limited to: website hosting, email hosting, shared applications such as Document management and e-archiving, and Government enterprise applications.

Some of the applications may require extra services such as WAN, VPN or other forms of managed services as part of the hosting requirements.

RDB will, on behalf of Government, negotiate the pricing structure with the NDC management and periodically publish the price list for hosting services.

société sélectionnée sur base de la rémunération des services aux institutions de l'Etat.

**Article 17 : Hébergement des données et informations critiques de l'Etat**

Tous les systèmes et applications informatiques de l'Etat qui traitent, gardent et fournissent des données et informations critiques de l'Etat, sont hébergés dans le Centre National des Données (NDC). Il s'agit notamment, mais non limités à: l'hébergement de sites Web, l'hébergement des courriers électroniques, les applications partagées telles que la gestion des documents et l'archivage électronique, et les programmes d'entreprise de l'Etat.

Certaines de ces applications peuvent nécessiter des services supplémentaires tels que WAN, VPN ou d'autres formes de services gérés comme une partie de besoins d'hébergement.

RDB, au nom de l'Etat, négocie la structure de tarification auprès de la Direction du Centre National des Données et publie périodiquement la liste des prix pour les services d'hébergement.



**Ingingo ya 18: Ibisabwa ku ibikwa rifite umutekano**

Inzego za Leta zifite ububiko bwazo bwite bw'amakuru, zigomba kugisha inama RDB kugira ngo zimenye niba ububiko bwazo bwujuje ibisabwa by'ibanze birebana n'umutekano w'ubwo bubiko.

Mu gihe izo nzego zibika amakuru mu bubiko bwazo bwite, zigomba gusaba NDC kubafasha gusubiza amakuru yabuze mu buryo bwo kwirinda ibiza.

**Ingingo ya 19: Itangwa ry'isoko ku zindi serivisi z'imiyoboro**

Serivisi z'imiyoboro y'inyongera harimo WAN, VPN, Dark Fiber, E1 n'zindi, ntiziri muri Interineti itangwa na RDB.

Izo serivisi zigomba gusabwa kandi zikishyurwa n'inzego za Leta zazihawe.

**Article 18: Requirements for secure hosting**

Government institutions that have their own data center facilities shall consult RDB to ensure that such facilities meet the required standards (minimum requirements for secure hosting).

In the cases where such institutions host applications in their own data centers (or server rooms), they shall be required to obtain disaster recovery (backup services) from the NDC.

**Article 19: Procurement of other connectivity services**

Additional connectivity services, including but not limited to WAN, VPN, Dark Fiber, or E1, will not be included of Internet connectivity that is provided for by RDB.

These services shall be procured and paid for by the Government institutions acquiring such services.

**Article 18: Exigences relatives à l'hébergement sécurisé**

Les institutions de l'Etat dotées de leurs propres installations de centre de données, consultent RDB pour s'assurer que ces installations répondent aux normes requises (exigences minimales pour l'hébergement sécurisé).

Dans les cas où de telles institutions hébergent ces applications dans leurs propres centres de données (ou les salles de serveurs), ils doivent obtenir du NDC les services de sauvegarde (services de mémoire de secours)

**Article 19: Passation de marché d'autres services de connectivité**

Des services de connectivité supplémentaires, y compris mais non limités à WAN, VPN, fibre noire, ou E1, ne seront pas inclus dans la connectivité Internet fournie par RDB.

Ces services doivent être demandés et payés par les institutions de l'Etat qui les utilisent.

**Ingingo ya 20: Kugezwa ku muyoboro w'igihugu wa fibure obutike**

Inzego za Leta zisaba kugira imiyoboro y'igihugu ya fibure obutike igera mu nyubako zazo, kugira ngo zibe ziri ku rubuga rwaguye rw'ikoranabuhanga rwa Leta, zihabwa izo serivisi n'isohoye ishinzwe gucunga umuyoboro wa Internet zibyishyuriye.

**UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 21: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza**

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije na yo zivanyweho.

**Ingingo ya 22: Igihe aya amabwiriza atangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsu ashiriyeho umukono.

Kigali, ku wa 12/03/2012

**Article 20: Access to the National Backbone Optic Fiber**

Government Institutions that require having the National Backbone Optic Fiber network extended to their premises, in order to be part of the e-Government wide area network, will obtain this service from the Internet Bandwidth managing company at cost.

**CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS**

**Article 21: Repealing provision**

All prior provisions contrary to these instructions are hereby repealed.

**Article 22: Commencement**

These instructions shall come into force on the date of their signature.

Kigali, on 12/03/2012

**Article 20: Accès à l'Infrastructure Nationale de câbles à Fibre Optique**

Les institutions gouvernementales qui exigent d'avoir accès à l'Infrastructure Nationale de câbles à Fibre Optique étendue à leurs locaux, pour faire partie du réseau électronique élargi de l'Etat, obtiennent ce service de la Société de Gestion de la bande passante Internet moyennant paiement.

**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 21 : Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires aux présentes instructions sont abrogées.

**Article 22 ; Entrée en vigueur**

Les présentes instructions entrent en vigueur le jour de leur signature.

Kigali, le 12/03/2012

(sé)

**Dr GATARE Ignace**

Minisitiri ushinzwe Ikoranabuhanga  
n' Itumanaho muri Biro bya Perezida

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya  
Leta

(sé)

**Dr GATARE Ignace**

Minister in the President Office in Charge of  
Information and Communication Technology

**Seen and sealed with the Seal of the  
Republic:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**

Minister of Justice/Attorney General

(sé)

**Dr GATARE Ignace**

Ministre à la Présidence en charge de  
Technologie de l'Information et de la  
Communication

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**

Ministre de la Justice/Garde des Sceaux